RTB | RWANDA TVET BOARD

P.O. Box: 4940 Kigali
Tel.: +250 783 558 414
E-mail: info@rtb.gov.rw
Website: www.rtb.gov.rw

**Kigali, .08./12/2021**
**N⁰.1046/RTB/2021**

**Bwana/Madamu Umuyobozi w' Akarere (Bose)**

**Bwana/Madamu Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Akarere (Bose)**

Bwana/Madamu Muyobozi,

**<u>Impamvu</u>: Kohereza Urutonde rw' Abarimu, Abayobozi /Ababungirije mu mashuri y' Imyuga n' Ubumenyingiro mu mwaka w' amashuri 2021/2022 (Icyiciro cya 2)**

Nshingiye ku Iteka rya Perezida N⁰ 064/01 ryo ku wa 16/03/2020 rishyiraho sitati yihariye igenga abarimu b'amashuri y'Incuke, Abanza, Ayisumbuye n' ay 'Imyuga n' Ubumenyingiro mu ngingo yaryo ya 19;

Nshingiye ku ibaruwa N⁰ 0205/HRMC/21 yo ku wa 21/09/2021 Komisiyo y' Igihugu Ishinzwe Abakozi ba Leta (NPSC) yandikiye Urwego rw'Igihugu rushinzwe Imyuga n' Ubumenyingiro (RTB) yemera ubusabe bwo gushaka abarimu, abayobozi n' ababungirije hakoreshejwe uburyo budasanzwe;

Mboherereje ku mugereka urutonde rw' Abarimu, Abayobozi n' Ababungirije bujuje ibisabwa mu mashuri y'Imyuga n' Ubumenyingiro ku myanya yasabwe n' Akarere mubereye umuyobozi.

Mu rwego rwo gukomeza gufatanya mu gikorwa cyo gushaka abarimu ariko hubahirizwa ibiteganwa n' amategeko, turabasaba ibi bikurikira:

- Kugaragaza urwo rutonde ahagenewe gushyirwa inyandiko n' amatangazo by' Akarere
- Gushyira urwo rutonde ku rubuga rw' Akarere (District website)
- Gufasha aba barimu, abayobozi b' ibigo n' ababungirije kuzuza ibyangomwa bisabwa mbere yo guhabwa amabaruwa abashyira mu kazi.
- Aba barimu, abayobozi b' ibigo n' ababungirije basabwe kugeza ku Karere ibyangombwa bisabwa guhera tariki ya 09 kugeza tariki 14 Ukuboza 2021
- Gutanga amabaruwa abashyira mu kazi guhera taliki ya 15 Ukuboza 2021 kugira ngo igihembwe cya kabiri cy' umwaka w' amashuri wa 2021/2022 bazabe barageze mu kazi
- Kugeza kuri RTB raporo igaragaza urutonde rw' abarimu, abayobozi b' ibigo n' ababungirije bashya bahawe amabaruwa n' abatarayahawe hagaragazwa n' impamvu batayahawe, hifashishijwe imbonerahamwe ziri ku mugereka, bitarenze kuwa ku italiki ya 29/12/2021
- Gufasha abarimu, abayobozi b' ibigo n' ababungirije bashya kwimenyereza umwuga

RTB | RWANDA TVET BOARD

P.O. Box: 4940 Kigali
Tel.: +250 783 558 414
E-mail: info@rtb.gov.rw
Website: www.rtb.gov.rw

Murakoze, mugire Amahoro

**Dipl.-Ing. Paul UMUKUNZI**

**Umuyobozi Mukuru wa RTB**

**Bimenyeshejwe:**

- Minisitiri w' Uburezi
- Minisitiri w' Ubutegetsi bw' Igihugu
- Minisitiri w' Abakozi ba Leta n' Umurimo
- Umunyamabanga wa Leta ushinzwe Ikoranabuhanga n' Ubumenyingiro
- Umunyamabanga Uhoraho/MINEDUC
- Umunyamabanga Nshingwabikorwa/NPSC